# Burundi: Evariste Ndayishimiye yatsinze n'amajwi 68% akurikirwa na Rwasa

- **BBC Gahuza**



*Evariste Ndayishimiye*

**Komisiyo y'igihugu y'amatora mu Burundi imaze gutangaza ibyavuye mu matora y'umukuru w'igihugu aho Evariste Ndayishimiye w'ishyaka CNDD-FDD riri ku butegetsi yaje imbere n'amajwi 68,72%.**

Iyi komisiyo y'amatora yatangaje ko hiyandikishije gutora abantu bagera kuri miliyoni 5,115, 418 naho abatoye bakaba ari 87% byabo.

Urutonde rw'uko abakandida barindwi bakurikiranye mu majwi yatangajwe:

- Evariste Ndayishimiye (CNDD-FDD) - 68,72%
- Agathon Rwasa (CNL) - 24,19%
- Gaston Sindimwo (UPRONA) - 1,64%
- Domitien Ndayizeye (Kira Burundi) - 0,57%
- Léonce Ngendakumana (FRODEBU) - 0,47%
- Nahimana Dieudonné - 0,42%
- Francis Rohero - 0,20%

Mu matora y'abadepite ishyaka CNDD-FDD naho ryagize imyanya myinshi kuko ryagize amajwi 68% rikurikirwa na CNL ryagize 22%, UPRONA igira 2%, abandi bakandida bigenga n'amashyaka bagira amajwi atageze kuri 1%.

Niba nta gihindutse, Evariste Ndayishimiye ni we utorewe kuba Perezida wa cyenda wa repubulika y'u Burundi.

Ku ngengabihe y'amatora biteganyijwe ko ibyavuye mu matora ku buryo bwa burundu bitangazwa tariki **04/06/2020**, naho Perezida mushya watowe akarahira tariki **20/08/2020**.

## Rwasa agiye kurega

Agathon Rwasa wagize amajwi ya kabiri muri aya matora y'umukuru w'igihugu yabwiye BBC ko atemera ibyavuye mu matora ndetse bazarega mu nkiko.

BBC yagerageje kuvugana n'uruhande rwa CNDD-FDD ku byavuye mu matora ariko kugeza ubu ntibirashoboka.

Amategeko ateganya ko utemera ibyavuye mu matora atanga ikirego mu gihe kitarenze amasaha 48.


Bwana Rwasa yagize ati: "Twanze ibyavuye mu matora, kandi tuzageza ikirego cyacu mu rukiko...urukiko mu Burundi nirutaturenganura tuzajya mu rukiko rwa Afurika y'Iburasirazuba.

"Muri aya matora twarahohotewe, twarakubiswe bamwe barafungwa abandi baranicwa, ibyo byose ni ibimenyetso byerekanaga ko ibi bivuye mu matora ari byo bashakaga".

Rwasa avuga ko mu myaka 15 ishize ubutegetsi bwa CNDD-FDD bwaranzwe no guhohotera abatabona ibintu kimwe nabwo muri politiki.

Ati: "Ni ubutegetsi bwazambije ubukungu, bwazambije ibintu byose n'imibanire n'ibindi bihugu, Abarundi ni nkaho turi twenyine, ibyo Abarundi barabirambiwe.

"Muri aya matora abarundi bari berekanye amahitamo yabo, niyo mpamvu dusaba ko uguhitamo kwabo kubahirizwa".



*Agathon Rwasa avuga ko bazaregera urukiko mu gihe giteganywa n'amategeko*

Bwana Rwasa avuga ko atabona ko Evariste Ndayishimiye ari umuntu witeguye gukorana n'abatavuga rumwe n'ubutegetsi.

Gusa agira ati: "Ariko nabona ko Abarundi bose ari bamwe tuzakorana naho nakomeza inzira barimo ntabwo bizoroha".

**Uyu Perezida watowe ni muntu ki?**

Evariste Ndayishimiye asanzwe ari umunyamabanga mukuru w'ishyaka riri ku butegetsi rya CNDD-FDD, umwanya ariho guhera mu kwezi kwa munani mu mwaka wa 2016.

Afatwa nka soma mbike wa Perezida ucyuye igihe Pierre Nkurunziza.

Bwana Ndayishimiye w'imyaka 52 y'amavuko, yavukiye muri komine Giheta mu ntara ya Gitega iri rwagati mu Burundi. Ni nayo irimo usigaye ari umurwa mukuru w'igihugu ari wo Gitega.

Azwi nk'umwe mu bari abasirikare bakomeye ubwo ishyaka CNDD-FDD ryari rikiri umutwe w'inyeshyamba, mu ntambara yadutse mu Burundi nyuma y'iyicwa rya Perezida Melchior Ndadaye - wa mbere wari utowe mu buryo bwa demokarasi - mu kwezi kwa cumi mu 1993, amaze amezi atatu ku butegetsi.



**Amatora mu Burundi 2020: Ibintu nyamukuru vyayaranze**

Bwana Ndayishimiye ari mu barokotse ubwicanyi bwakorewe abanyeshuri b'Abahutu kuri Kaminuza y'u Burundi mu kwezi kwa gatandatu mu 1995, bituma asanga abandi barwanyi b'uwo mutwe w'inyeshyamba, icyo gihe witwaga CNDD, ishami ryawo rya gisirikare rikitwa FDD.

Uwo mutwe wari uyobowe na Léonard Nyangoma wawushinze mu 1994.

Nyuma yaho uwo mutwe wiswe CNDD-FDD umaze kwinjira mu masezerano y'amahoro y'i Arusha muri Tanzania mu mwaka wa 2000, Jenerali Majoro Ndayishimiye yakoze mu biro bikuru bya gisirikare.

Nyuma yaje kugirwa Minisitiri w'ubutegetsi bw'igihugu kuva mu 2006 kugera mu 2007, mbere yuko agirwa umujyanama mu bya gisirikare mu biro bya perezida.

Yashakanye na **Angélique Ndayubaha**, ubu bakaba bafitanye **abana umunani**.

Mu kwiyamamaza kwe, Bwana Ndayishimiye yashyize imbere gahunda zirimo ibijyanye no gukomeza inzego z'umutekano n'ubwirinzi, gukomeza urwego rw'ubucamanza, imiyoborere myiza, imibereho y'abaturage, ibijyanye n'urwego rw'ubuzima, kurwanya ibura ry'akazi (ubushomeri/chômage), guteza imbere ibijyanye no kubungabunga ibidukikije, umuco n'imikino.

Mu kwiyamamaza kwe kandi yagarutse kuri gahunda z'ubukungu bushingiye ku buhinzi n'ubworozi, umutungo kamere, ubucuruzi, gutwara abantu n'ibintu, n'ibijyanye n'inganda.

Evariste Ndayishimiye yasezeranyije gukomeza umubano n'amahanga ndetse n'umubano hagati y'u Burundi n'imiryango itandukanye.

**JK :**

Umulyango wa General Major Ndayishimiye Evariste.

